/K.J./

15 décembre 1961.
2.422/P.T.

TRANSMIS pour compétence à Monsieur Lambert Chef d'Etat Major à Kigali, copie de la lettre émanant du policier SIBOMANA Joseph.
Prière me communiquer la suite.

Le Ministre,
L.MPAKANIYE,

---

Kigali, le 27.11.61

Barwa

Kuli Nyakubahwa Ministre w'ubugenga Gihugu, ukubanza kwa byose ndabasuhuza, kandi mbasaba kubamenyesha icyo nifuza. Dore icyamfunze niki? nicaye ino, mbona yuko inzu bampaye, itankwiriye jye n'umugore wanjye n'abana 5. Kuba munzu ifite icyumba cyimwe (1) kandi mfite urugo mbona yuko bitanshobokeye. Mwohereza iwacu Astrida. Hanyuma, agezeyo umwana ararembe, cyane umugore antumaho ibarwa, ndayijyana nyereka umuzungu musaba iminsi, ahubwo nubwo yaba ni 3. Umuzungu afatanyije na M. Nzabanita baranga pe. Uwo munsi bampa abanyururu 9 mbatwara muli comini ya Kiyanza ndumwe, ni kilometero 40 aliko nagiye n'amaguru, mvuyeyo, ndaza ngeze ho, umugore yongera kuntumaho ko Rwanda-Unio imumereye nabi, antumaho Telegaramu nanone, mbasaba uruhusa nanone baranga pe. Nibaza igituma banga kiranyobera kandi abandi babaha konje, nukonelera kugenda marayo gatatu ndagaruka, nagiye le 5.11.61 ngaruka le 8.11.61. Nuko le 9.11.61 baramfunga, bankatiye amezi 2 n'amafranga 90 nayabura bakanfunga iminsi 4 ibyo relo sinnuba byose ndashimira Mungu ahubwo, icyambabaje ni uko bambujije kubitsa ibintu byanjye ntamuboyi nagiraga n'umugore adahari, hanyuma le 12.11.61 banyibye amapatalo 3 n'amashati 3 n'umuguru w'inkweto 1 n'ibitabo by'intambara 1940-1945 banyibye n'imidali nali nafatiye Usumbura nalimpamaze imyaka 9. Muntambara naho, namazeyo 3 imyaka. None ubwo bali bampannye igihano cya ba militel, umugore n'abana ntibali bakwiye kubima iposho. Kandi ubwo bali bemeye kumfunga kuko nali ntararangiza contera sinishe, umuntu, kukazi, kandi sinibiye mu kazi kanjye, icyakabiri imyenda barayibye ndi muli Prison, simfite icyo nzambara mfunguwe none, navuye, Usumbura, nje gukorera Rwanda yacu. Muranshyire mukazi k'Ubusoda cyanga se munsubize munsubize mu kazi kanjye, aliko munyohereze ahandi atari i Kigali. Mbaye mbashimiye kuyavuga sukuyamara. Nijye wali Umukozi wanyu,

Joseph Sibomana
sé/SIBOMANA J.